



---

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME JEANNETTE KAGAME  
MU GIKORWA CYO GUSURA ABAGIZWEHO INGARUKA N'IBIZA -**

**Akarere ka Ngororero.**

**Rususa, ku wa 26 Gicurasi, 2023**



**Babyeyi, Bavandimwe,**

**Bana bacu,**

**Ba Nyakubahwa Bayobozi mu nzego zitandukanye,**

**Padiri Mukuru watwakiriye muri uru rugo,**

**Nabo twazanye,**

**Muraho neza!**

Umunyarwanda yagize ati “Ibyago ntibiteguza!”

Ni byo koko! **Pause**

Iyo biba biteguza, tuba twaririnze tukarinda n’abacu!

Imana ibakire.

Birasanzwe mu mucu wacu, kuba hafi y’uwagize ibyago! Abayobozi batandukanye babasura babakurikirana turabashimira. Natwe rero nk’Ababyeyi, uyu munsi twabazaniye ubutumwa bwoubakomeza. Mukomere kandi mukomeze kwihangana.

N'ubwo duhuye mu bihe nk'ibi bitoroshye igihugu cyacu cyanyuzemo, imyuzure ndetse n'inkangu bidasanze byibasiye Intara y'Uburengerazuba n'Amajyaruguru, nibura twishimiye ko dusanze ari amahoro, kandi ubuzima butangiye kugaruka.

Iteka kubura uwawe muburyo butunguranye nk'uko byagenze, bishengura umutima, Ababuze ababo mukomere mwihangane kandi turi kumwe.

Twifatanyije kandi n'utundi turere twose twashegeshwe n'ibiza. Turabashimira ko mukomeje kwihangana, mu bihe bigoye, kandi mukagira uruhare mu kwishakamo ibisubizo. Urabona ko hirya no hino ubuzima bwatangiye kugaruka, n'ubwo hari byinshi bigikenewe.

Turashimira ubuyobozi bw'igihugu cyacu ndetse n'Abafatanyabikorwa muri gahunda zitandukanye, bakoze ibishoboka byose kugira ngo ubutabazi bwihute kandi bugere kuri buri wese.

By'umwihariko turashima Paroisse ya Rususa mwakiriye abavandimwe bacu hano turi.

Turashima kandi n’abandi bose bakiriye abari mu kaga mu turere twibasiwe n’ibiza. Ubusanzwe kuva kera, ubumuntu no gutabara ni indangagaciro z’Umunyarwanda.

### **Babyeyi Bavandimwe,**

Nkuko mubizi, igihugu cyacu cyanyuze mu bindi bihe bitoroshye, urugero nk’icyorezo cya COVID-19, byatweretse ko dukwiriye guhora twiteguye guhangana n’ibibazo bitandukanye byibasira Isi dutuyemo.

Nkuko twatsinze urugamba rw’icyorezo cya COVID-19, uru narwo Tuzarutsinda, kuko dufite ubuyozi bwiza, bwita ku baturage.

Nk’uko Umukuru w’Igihugu yabivuze “***Kimwe n’ibindi byose, uru rugamba turiho, tuzarutsinda!***”

### **Nshuti, Bavandimwe,**

Ibidukikije ni umuturanyi wacu udufatiye runini!

Niho dutuye, dukorera, dukura ibidutunga, ibyo tubyaza umusaruro ndetse n’umwuka duhumeka.

Rimwe na rimwe ibikorwa bya muntu, bishobora gutera imihindagurikire y’ikirere cyangwa kunanirwa kw’ibidukikije.

Birashoboka rero kubana neza n'ibidukikije nk'umuturanyi mwiza udufatiye runini kandi nawe akatubanira neza.

### **Babyeyi, barezi, batumirwa turi kumwe,**

Mu bihe nk'ibi, aho muba muteraniye hamwe gutya, ndetse n'ahandi muzajya, ni umwanya wo kongera gutekereza ku muryango.

Bityo rero ni ngombwa ko twita cyane ku buzima bw'abagize umuryango, cyane cyane tukita ku bana bato, abafite ubumuga, ababyeyi, abakuze ndetse n'abagize ihungabana.

Ubusanzwe aka karere kazwiho kweza, ubukungu no gukunda umurimo. N'ubwo mwagize ibyago by'ibiza, ariko hari n'ikindi kibazo cyagaragaye nizera ko dufatanyije twagikemura. Aha ndavuga igwingira ry'abana bato.

Munyemerere rero mbasabe ko hashyirwaho ingamba zihamye zo kurwanya igwingira, dushishikariza ababyeyi kugaburira abana indyo yuzuye, kwita kw'isuku, mu ngo zacu ndetse no ku mubiri.

Kwita ku isuku ni ingenzi cyane kuko ushobora gufata indyo yuzuye ariko ukagwingira bitewe n'indwara zituruka ku isuku nke.

Dufatanye rero kurera umwana w'Umunyarwanda ukura neza, ufite uburere, ubumenyi kugira ngo azubake igihugu twese twifuza.

**Dear Partners, Stakeholders, Friends,**

- I could not leave without thanking you all sincerely. I know those whose prior commitments may have prevented attendance today, are with us in spirit, as they have accompanied us in hearty action.
- In the wake of this disaster, we have seen you lend a supportive hand, to help us lighten the loads of the survivors.
- Thank you for personifying solid partnerships. Let's continue working together.

**Babyeyi, Bavandimwe, Bana bacu,**

Munyemerere nsoze, nongera kubihanganisha kandi mbashimira uruhare rwanyu mu gufatanya n'inzego zose zikomeje kubitaho. Natwe tuzakomeza kubaba hafi, muri iki gihe no mu bihe bizaza.

**Muhumure!**